No 216 Ukwakira2018

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YUNGURANYE IBITEKEREZO KURI POLITIKI N'INGAMBA Z'IGIHUGU BYO KURWANYA NO GUKUMIRA IBIYOBYABWENGE


Abitabiriye Inama Rusange bakurikiye ikiganiro

Kuwa kane, tariki ya 11 Ukwakira 2018, ku biro by'Ihuriro, hateraniye inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKAMANA Elisabeth.

Abitabiriye iyi nama bahawe ikiganiro kuri « Politiki n'ingamba z'Igihugu byo kurwanya no gukumira ibiyobyabwenge mu Rwanda»; ikiganiro cyatanzwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima Dr NDIMUBANZI Patrick.

Iyi nama kandi yasuzumye raporo zinyuranye zirimo, raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018; raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 na raporo y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite yabaye kuva tariki ya 2-4/09/2018; isoza ishyiraho abagize Biro y'Ihuriro.

Ku ngingo ijyanye n'ikiganiro kuri « Politiki n'ingamba z'Igihugu byo kurwanya no gukumira ibiyobyabwenge mu Rwanda»; Umunyamabanga wa Leta yagaragaje ko Leta y'u Rwanda yiyemeje guca burundu ikoreshwa, ikwirakwizwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge kuko bigira ingaruka mbi ku mibereho y'Abanyarwanda no ku bukungu bw'Igihugu. Yakomeje agaragaza urutonde rw'ibiyobyabwenge bikunze kuboneka mu Gihugu cyacu, yerekana amategeko n'amabwiriza yashyizweho hagamijwe gukumira no guhana ababikoresha, ingamba zashyizweho harimo n'ishyirwaho rya Komite yo ku rwego rw'Igihugu yo kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.


Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima Dr NDIMUBANZI Patrick.

Umunyamabanga wa Leta yabwiye Inama Rusange ko by'umwihariko, mu ngamba zafashwe harimo ubukangurambaga buhoraho, kuvura no kwita ku bantu bibasiwe n'ibiyobyabwenge no kubasubiza mu buzima busanzwe nyuma yo gukira ingaruka zabyo.

Mu gusoza ikiganiro, yasabye ubufatanye bw'Imitwe ya politiki mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge mu Banyarwanda muri rusange no mu bayoboke bayo by'umwihariko.


Senateri TITO RUTAREMARA atanga ibitekerezo

Inama Rusange yashimye ingamba z'Igihugu zashyizweho mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge mu Rwanda cyane cyane mu rubyiruko; isaba ko Imitwe ya politiki n'Abanyarwanda bose muri rusange, bakwiye kumva ko ikibazo cy'ibiyobyabwenge ari ikibazo cy'umuryango nyarwanda kidakwiye guharirwa inzego zimwe gusa, biyemeza gukomeza gukora ubukangurambaga mu bayoboke bahagarariye.

Ku ngingo ijyanye no gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, Inama Rusange yashimye ibikorwa Ihuriro ryagezeho, irayemeza.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, nyuma yo kuyunguranaho ibitekerezo, Inama Rusange yayemeje.

Naho ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza raporo y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite yabaye kuva tariki ya 2-4/09/2018; Inama Rusange yayemeje nyuma yo kuyunguranaho ibitekerezo.

Ku ngingo ijyanye no gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro, Inama Rusange yatoye, ku mwanya w'Umuvugizi, Depite HABINEZA Frank, uturuka mu Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije (DGPR), naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, hatorwa Depite NYIRAGWANEZA Athanasie, uturuka mu Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho myiza y'abaturage (PSD).


Depite HABINEZA Frank na Depite NYIRAGWANEZA Athanasie batowe

Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije batowe bashimye Inama Rusange ibagiriye icyizere, bizeza ko bazakorana umurava kugira ngo Ihuriro rikomeze gutera imbere no kugera ku ntego

## HAKORWA HANDOVER BIRO NSHYA Y'IHURIRO YIYEMEJE GUKOMEZA GUTEZA IMBERE IBIGANIRO BYA POLITIKI



Biro yashyizweho yashimye icyuye igihe

*Kuwa gatatu tariki ya 17 Ukwakira 2018 ku Cyicaro cy'Ihuriro, hakozwe ihererekanyabubasha hagati y'abavugizi bashya n'Abavugizi bacyuye igihe. Aha ni nyuma y'uko tariki ya 11 Ukwakira 2018, Inama Rusange y'Ihuriro ishyizeho abagize Biro y'Ihuriro aribo Hon. Dr. HABINEZA Frank, uturuka mu Umutwe wa politiki wa DGPR, ku mwanya w'Umuvugizi wasimbuye Hon. MUKAMANA Elisabeth, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PPC, ishyiraho kandi Hon. NYIRAGWANEZA Athanasie, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PSD, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije wasimbuye Hon. MUNYANGEYO Theogene, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PL.*

Muri iri hererekanyabubasha, abagize Biro nshya basabwe gukomeza kwita ku byo Biro icyuye igihe itabashije kugeraho, birimo gukomeza gushaka abafatanyabikorwa batera inkunga ibikorwa binyuranye by'Ihuriro no kuvugurura amategeko agenga Ihuriro.

Muri uyu muhango, Umuvugizi ucyuye igihe Hon. MUKAMANA Elisabeth yashimye imikoranire yaranze Biro n'abakozi b'Ihuriro, avuga ko inshingano zabo zitagerwaho badakoranye bya hafi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Mu ijambo rye kandi, yabwiye abagize Biro nshya ko mu gihe cya manda yabo bakoze ibikorwa byinshi birimo gutegura no kuyobora Inama Rusange, iza Biro n'iza Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, gukurikirana itangwa ry'amahugurwa y'abayoboke b'Imitwe ya Politiki, n'ibindi.



Biro icyuye igihe ishyikiriza abagize Biro y'Ihuriro bashya inyandiko zinyuranye

Hon. MUKAMANA Elisabeth yashyikirije Biro nshya inyandiko zitandukanye zirimo ibyemezo by'inama z'Inama Rusange z'Ihuriro zateranye kuri manda yabo na Raporo y'ibikorwa mu gihe cya manda yabo kuva bajyaho muri Werurwe 2018.

Abagize Biro bashya bashimye akazi kakozwe n'abo basimbuye, bizeza ko bazakomeza guhanahana amakuru mu nyungu rusange z'Ihuriro. Bijeje kandi ko bazakomeza gukora ibikorwa biteza imbere Ihuriro cyane cyane bashyira imbere inshingano zabo zirimo guteza imbere ibiganiro bya politiki, gukurikirana itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'amahugurwa agenerwa abayoboke b'Imitwe ya politiki no gukomeza umuco mwiza wo gutanga serivisi nziza mu Ihuriro.

## IMITWE YA POLITIKI YUNGURANYE IBITEKEREZO KU ITEGEKO NGENGA RIGENGA IMITWE YA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI RYAVUGURUWE

*Ku bufatanye bw'Ihuriro n' Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB); kuri uyu wa gatanu tariki ya 26/10/2018 habaye inama nyunguranabitekerezo yahuje abayobozi mu Mitwe ya Politiki igize Ihuriro baganira ku bikubiye mu Itegeko Ngenga no 005/2018.OL ryo ku wa 30/08/2018 ryahinduye Itegeko Ngenga no 10/2013/ OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki; inama yabereye kuri Hotel Lemigo mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.*



Hon. HABINEZA Frank Umuvugiziw'Ihuriro

Umuvugizi w'Ihuriro Hon. HABINEZA Frank yabwiye abayitabiriye ko iyi nama yateguwe n'izi nzego zombi kuko zifite aho zihurira n'ibikorwa by'Imitwe ya Politiki, RGB nk'Urwego rwandika Imitwe ya Politiki, Ihuriro rikongerera Imitwe ya Politiki irigize ubushobozi mu bya politiki. Izi nzego zombi kandi zitegura ibiganiro bya politiki (Policy dialogue) bihuza Imitwe ya Politiki n'izindi nzego z'ubuyobozi mu Gihugu.

Umuvugizi w'Ihuriro yashimangiye ko Urwego rwa RGB n'urw'Ihuriro zasanze ari ngombwa guhuza abahagarariye Imitwe ya politiki, abagize Komisiyo zose z'Ihuriro, ndetse n'abahagarariye izindi nzego zikorana bya hafi n'Imitwe ya Politiki nk'Urwego rw'Umuvunyi, kugira ngo baganire ku ngingo zose zikubiye muri iri tegeko, cyane cyane ingingo nshya n'izavuguruwe.

Ati ''Kuganira kuri iri Tegeko, bizakomeza gufasha Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki kumenya uburenganzira bwabo bwa politiki n'ibyo basabwa kubahiriza, birimo gukomeza guteza imbere ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu, kubaka demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye kandi idaheza, kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, no guharanira imibereho myiza y'Abanyarwanda."

Yavuze ko muri iyi nama abayitabiriye babona umwanya uhagije wo kwibukiranya amwe mu mahame y'ingenzi agenga ibikorwa by'Imitwe ya Politiki, harimo ko buri gihe umutwe wa politiki ugomba kugaragaramo ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo haba mu gihe cyo gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byawo. Ati irindi hame ni uko buri mutwe wa politiki ugomba kugira abagore mu myanya y'inzego zifatirwamo ibyemezo bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%)..

Agaruka ku nkomoko y'umutungo w'Imitwe ya Politiki, yavuze ko Umutwe wa politiki cyangwa umunyapolitiki batemerewe kwakira impano n'imirage bitanzwe n'abanyamahanga; Leta z'ibindi bihugu; imiryango itari iya Leta; imiryango ishingiye ku myemerere; ndetse n'amasosiyete y'ubucuruzi cyangwa inganda by'abanyamahanga, n'ibigo by'abanyamahanga cyangwa birimo imigabane y'abanyamahanga".

Mu kiganiro cyayobowe na Hon. NKUSI Juvenal, Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe gukemura amakimbirane, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro n'Umunyamabanga Mukuru muri RGB bagitanze, basobanuye ingingo zavanywe muri iri Tegeko, izongewemo n'izavuguruwe. .

Mu kungurana ibitekerezo, abitabiriye inama bashimye ko basobanuriwe byimbitse ingingo zose zikubiye muri iri tegeko, cyane cyane ingingo nshya n'izavuguruwe, bizeza ko bazarisobanurira abayoboke b'Imitwe ya politiki yabo kandi bakazanabashishikariza kuryubahiriza.

Umuvugizi w'Ihuriro asoza inama, yibukije ko Amategeko ashyirwaho kugira ngo akurikizwe n'abo bireba bose, avuga ko Itegeko ry'Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki rigomba gukurikizwa n'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda ndetse n'Abanyapolitiki bayigize. Yifuriza buri wese gukomeza kwishimira kuba mu Gihugu kigendera ku mategeko kandi kigatanga ubwisanzure mu rwego rwa Politiki.

Yasoje kandi ashima RGB n'Ihuriro bateguye iyi nama nyunguranabitekerezo, anashimira Urwego rw'Umuvunyi ku butumwa rwatanze muri iyi nama, ubutumwa burebana cyane cyane n'inshingano zarwo n'uburyo rukorana n'Imitwe ya politiki.